D/0 19

Kigali, le 2/4/1985

Cl
Rubeg
03/4/85

Nyakubahwa Bwana Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
**K I G A L I**

Nyakubahwa Bwana Ministri,

Ikinteye kubandikira, nagirango mbamenyeshe ko maze kubona ko Cote yanjye y'uyu mwaka w'1985 itanshimishije na buhoro, numvise ngomba namwe kubibagezaho.

None Nyakubahwa Bwana Ministri, nkaba nabasabaga kumenyesha neza impamvu yatumye mumpindulira Cote kuli 2e degré, ali no kuli 3e degré. Kuko kuvuga ko uko nkora ubu ali ko nakoraga muli 79 ntangira akazi simbyumva neza. Nahera nko kuli Cote ya 80 cyangwa 81, 82, 83 na 84, nta nalimwe abankoreshaga muli icyo gihe bambwiraga ko nkora nabi.

Ubundi kandi Nyakubahwa Bwana Ministri, ntabwo njya nsiba akazi cyangwa ngo nkererwe, nibura se bambwire ngo hali akazi kabuze cyangwa kakerewe, katakaye se kubera kurangara, cyangwa se amabanga nerekanye y'akazi. Kuvuga ngo ntabwo nibwiliza k'umulimo Nyakubahwa Bwana Ministri, hali ubwo abantu bajya muli Konji cyangwa bakaba barwaye ugasigara uli wenyine akazi ukagakora wenyine ukulikije ibyihutirwa. Sinumva lero ukuntu ngera ku kazi nkiyicalira nkaho ntazi ururo n'icyatsi.

Ndangije mbasaba kwakirana umutima mwiza ibyo bibazo byose ngutuye, kandi nkaba mbasaba ko mwampa umuti wabyo.

Murakoze.

Madame MUKAKABEJA Anne.

**Bimenyeshejwe**

- Umuyobozi Mukuru w'Imikino n'Imyidagaduro muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative
  za Koperative
  **K I G A L I**